Vol. 3, No. 1, 2025
https://doi.org/10.5281/zenodo.17675916
**Website:** http://journals.jozacpublishers.com/jil

*Type of the Paper: (Article Paper)*

# Isesengurampamvu ku Bushakashatsi Bukorwa mu Kinyarwanda: Urugero rwa Kibogora Polytechnic

**Daniel Ndahimana[1*], Jean Prospère Bagaragaza[2], Crispine Hahirwuwizera[3], Agnes Uwizeyimana[4]**
[1]RP / Musanze College (General Courses department), Rwanda. danielccat@gmail.com[1] **ORCID:** https://orcid.org/0009-0003-3424-6543[1], hahirwuwizera@gmail.com[3]
[2]Kibogora Polytechnic / Languages department, Rwanda. jeanprosperbagaragaza@gmail.com
[4]UR/ College of Education, Rwanda. agnesuwizeyimana495@yahoo.com **ORCID:** https://orcid.org/0000-0001-5696-2725

**Received:** September 01, 2025; **Accepted:** October 03, 2025; **Published:** November 21, 2025

**Inshamake:** Ubu bushakashatsi bwiswe "Isesengurampamvu ku Bushakashatsi Bukorwa mu Kinyarwanda: Urugero rwa Kibogora Polytechnic bushingiye ku ntego yo gusesengura impamvu zituma abanyeshuri bahitamo gukora ubushakashatsi mu ndimi z'amahanga kandi bigira kubona Impamyabushobozi mu Cyongereza n'Ikinyarwanda n'Uburezi. Iyi nyigo igamije gutanga umusanzu mu kurushaho kunoza imyigishirize y'Ikinyarwanda ndetse no gutanga inama ku bantu batinya gukora ubushakashatsi mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Uburyo nyamubaro ni bwo bwakoreshejwe mu gukusanya amakuru, aho ibibazo byanditse byakoreshejwe nk'igikoresho k'ikusanyamakuru. Amakuru yifashishijwe yatanzwe n'abakeshwamakuru bo mu ishuri rikuru ryigenga rya Kibogora Polytechnic, ryatoranyijwe ku buryo bw'umuhuro. Itsinda nshingirwaho ryari rigabanyije mu byiciro bibiri, aho irya mbere ryari rigizwe n'abanyeshuri 462 bamaze kwandika, aho muri bo hifashishijwe itsinda nkeshwamakuru ringana n'abanyeshuri 51; hakoreshejwe uburyo bwo gushakana, naho irya kabiri rikaba ryari rigizwe n'abanyeshuri 836 bageze mu myaka ibiri isoza, bitegura kwandika, aho havuyemo itsinda nkeshwamakuru ringana n'abanyeshuri 92. Ubu bushakashatsi bwagaragaje impamvu z'ingenzi zituma abanyeshuri batitabira gukora mu rurimi rw'Ikinyarwanda kandi Impamyabushobozi zabo ziba ziriho Icyongereza n'Ikinyarwanda, harimo ibura ry'inyandiko zifashishwa ziri mu rurimi rw'Ikinyarwanda, kuba isomo ryo gukora ubushakashatsi ryigishwa mu rurimi rw'amahanga, ubujyanama n'ubwunganizi budahagije, ndetse no kuba hari abemeza ko nubwo baba barahisemo kwiga Ikinyarwanda, kirimo amasomo akomeye nk'ubutinde n'amasaku atavugwaho rumwe n'abantu batandukanye. Ubu bushakashatsi butanga inama yo guhugura abarimu n'abanyeshuri ku byerekeye ubushakashatsi mu Kinyarwanda, bukanagaragaza amuga yakoreshwa mu nyandiko z'ubushakashatsi. Bunagira kandi inama kaminuza zigisha impuzo y'Icyongereza n'Ikinyarwanda, yo gutegura imbumbanyigisho y'ubushakashatsi iri mu Kinyarwanda, ikigishwa mu rwego rwo gufasha abanyeshuri kwisanzura mu rurimi bifuza

gukoramo inyandiko zabo z'ubushakashatsi igihe barangiza ikiciro bahererwamo impamyabushobozi.

**Amagambo fatizo:** Gusobanura inyandiko y'ubushakashatsi, Ikinyarwanda, Inteko ibaza, Ubushakashatsi, Ururimi kavukire

## 1. Intangiriro Rusange

Ubushakashatsi ni igikorwa gifasha mu gushaka ibisubizo by'ibibazo byugarije isi. Nta n'umwe ukwiye kwirata ko atekereza kurusha undi, kuko uwo avuga ko arusha atigeze kugira ubwo bushobozi ngo narangiza abupfushe ubusa bugabanyuke, bugere n'aho bushira burundu. Ikinyarwanda ni ururimi rw'Abanyarwanda, rukaba rwaramaze no kurenga imipaka rugera no mu bindi bihugu (Nsanzabiga, 2011). Kubera ubudasa bw'u Rwanda ndetse n'ubuhangange mu bukerarugendo, ibihugu bimwe byo ku yindi migabane byatangiye kwigisha Ikinyarwanda nka rumwe mu ndimi nyafurika.

Mu Rwanda, Ikinyarwanda kitaweho, kuko kirigishwa mu byiciro byose by'uburezi nk'uko byemejwe mu Inama y'Igihugu y'Umushyikirano yo ku wa 21-22/12/2015, mu mwanzuro wayo wa 13 aho bagira bati: "Ikinyarwanda kigishwe guhera mu mashuri y'inshuke kugeza mu mashuri makuru na za kaminuza''. Ibi ariko ntibituma kigaragaza ubudahangarwa bwacyo mu kwerekana ubumenyi, kuko kitakigishwamo, bityo hakagaragara amagambo menshi atabasha kukivugwamo, bigatera benshi kukigoreka bakivangamo indimi z'amahanga, bityo ntigikomeze kugumana umwimerere wacyo.

Nk'uko bivugwa na Rurangirwa (2012), Ikinyarwanda ntabwo kitaweho bihagije mu bijyanye na politiki y'indimi mu Rwanda. Ibi bituma kiryamirwa n'izindi ndimi zikoreshwa, nk'Icyongereza n'Igifaransa, ku buryo usanga uvuga Ikinyarwanda akenshi avangamo izo ndimi, kugira ngo agaragaze ko ari umusirimu. Ikindi kandi, usanga umuntu nk'uwo nta tegeko rimuhana, bityo uko yakoresha Ikinyarwanda kose akaba ntacyo byamutwara. Hari n'inyandiko zimwe na zimwe zanditswe mu Kinyarwanda kandi zikoreshwa n'abantu benshi, ariko ugasanga zigaragaramo amakosa menshi y'imyandikire y'Ikinyarwanda, kubera ko rimwe na rimwe usanga abazandika batayazi. Nk'uko Mukama na Nkusi (2019) babivuga, Abanyarwanda bari bazi kwitegereza ndetse bakamenya igishobora gutera ingaruka mbi mu gihugu. Ni wo murongo bakomeje, ntibazigera batezuka ku budasa bwabo.

Ibibazo bikemurwa no gukora ubushakashatsi bwimbitse, maze hagafatwa ingamba (Nkusi na Mukama, 2019). Abanyarwanda baha agaciro ururimi rwabo, nubwo gufata ibyemezo mu byerekeye kwita ku Kinyarwanda bikigoye (Rurangirwa, 2012), ntidukwiye guterera iyo. Abanyeshuri barangiza kaminuza bafite uruhare rukomeye mu guteza imbere ubushakashatsi bukorwa mu Kinyarwanda. Kaminuza nyinshi zigisha Ikinyarwanda n'Icyongereza, ariko iryo bangikana ry'indimi rigahengamira ku Cyongereza cyane mu gihe cyo kwandika inyandiko z'ubushakashatsi (dissertations) kurusha ku Kinyarwanda. Abanyeshuri bamwe bavuga ko Ikinyarwanda kigora, ku buryo ushobora kwitiranya ibyo undi yavuze, ibi ariko biba mu ndimi zose. Ikindi bavuga ni uko ngo iyo wandika inyandiko ya gihanga mu Kinyarwanda bigusaba kwandika wubahiriza ubutinde bw'imigemo n'imiterere y'amasaku. Ikindi ni uko imbumbanyigisho isobanura uburyo ubushakashatsi bukorwa (module of Research Methodology) ndetse n'imbata igenderwaho mu gukora ubushakashatsi muri za kaminuza biri mu rurimi rw'Icyongereza. Ibyo bituma abashakashatsi

bafite inyota yo kubukora mu Kinyarwanda batabona amuga yihariye y'Ikinyarwanda bakoresha. Ikindi kivugwa kitashingirwaho, kuko atari umuco mwiza mu bushakashatsi, ni uko uwanditse mu Kinyarwanda adashobora kubona umuntu wo kumukorera mu mwanya (bikunze kwitwa kudodesha inyandiko), kuko ngo Ikinyarwanda kigoye.

Mukama na Nkusi (2019) bavuga ko kwitegereza no kugerageza inshuro nyinshi biri mu bituma hafatwa umwanzuro. Bakomeje bavuga ko imitekerereze nganamuzi (deductive reasoning) igaragazwa n'uruhererekane rw'ingingo eshatu zitangirira ku ikomatanya rusange ukagana ku kintu-muzi (ikintu kimwe kihariye), noneho ugafata umwanzuro. Ubu buryo ni bwo bwatumye twibaza tuti: "Abantu boroherwa n'ururimi rwabo rwa kavukire, none Ikinyarwanda ni ururimi kavukire rw'Abanyarwanda, bivuze ko Abanyarwanda batagomba kuvuga ko Ikinyarwanda kigoye kuruta ururimi rw'amahanga". Kuri iyi mitekerereze ni na ho hahise hava ikibazo kivuga ngo: "Kuki abanyeshuri bahitamo kwandika inyandiko zabo mu rurimi rw'Icyongereza, aho kwandika mu Kinyarwanda, kandi bafite uburenganzira bwo guhitamo ururimi rumwe muri izo?"

Ubushakashatsi ni uruhurirane rwo kwitegereza, kugerageza no gutekereza bikozwe ku buryo buri kuri gahunda, bugenzuwe kandi bwubakiye ku makuru afatika ku bibazo n'inkeneragihamya ku bidukikije (Mukama na Nkusi, 2019). Uku kwitegereza rero ni ko kwagaragaje ko muri kaminuza yigenga ya Kibogora Polytechnic (KP) imaze igihe itanga Impamyabushobozi z'Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza mu kwigisha Icyongereza n'Ikinyarwanda. Muri iyi kaminuza, twasanze abanyeshuri bitabira kwandika inyandiko zabo mu Kinyarwanda ari bake cyane.

### 1.1. Imiterere y'ikibazo

Ikinyarwanda cyabangamiwe kenshi, kugeza n'ubu kiracyabangamirwa. Abazungu baje mu Rwanda bavuga ko nta bwenge bwacyandikwamo bityo ntibigera bagiha umwanya ngo kigishwemo kandi ari rwo rurimi kavukire, bituma na magingo aya ururimi rwo kwigishamo mu Rwanda ari Icyongereza. Kaminuza zigisha Ikinyarwanda nk'isomo zigiha agaciro gake, ku buryo n'umunyeshuri ugerageje kugikoramo ubushakashatsi usanga adahabwa agaciro nk'uwabukoze mu Cyongereza. Imbumbanyigisho y'ubushakashatsi yigishwa mu Cyongereza gusa, bigatuma abanyeshuri batabona ubwinyagamburiro ngo bakore ubushakashatsi mu Kinyarwanda. Abanyeshuri barangiza ikiciro cya kabiri cya kaminuza basabwa kwandika inyandiko y'ubushakashatsi. Iyi nyandiko kandi, baba bagomba kuyisobanura imbere y'inteko itanga amanota. Abanyeshuri biga impuzamasomo y'Icyongereza n'Ikinyarwanda (English-Kinyarwanda) baba bashobora kwandika mu rurimi rw'Icyongereza cyangwa mu Kinyarwanda, ariko usanga bake muri bo ari bo bandika mu Kinyarwanda, kandi ari rwo rurimi kavukire rwagombye guhita rwihutirwa na buri wese, ahubwo benshi bagahitamo kwandika mu Cyongereza, kandi ari ururimi rw'amahanga. Imyumvire nyarurimi (attitude linguistique) itesha agaciro Ikinyarwanda, ku buryo na bamwe mu biga Ikinyarwanda batagiha agaciro, bagatinya kucyandikamo. Ibi byose bikaba byerekana ko ubushakashatsi mu Kinyarwanda butitaweho. Ubu bushakashatsi buzafasha mu gutahura impamvu zituma abanyeshuri batinya kwandika mu Kinyarwanda, no kugaragaza icyakorwa kugira ngo izo mbogamizi ziveho.

### 1.2. Intego z'ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi bushingiye ku ntego rusange n'intego zihariye zikurikira:

#### 1.2.1. Intego rusange

Guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda, cyane cyane ku byerekeye ubushakashatsi bukorwa n'abanyeshuri barangiza ikiciro cya kabiri cya kaminuza, mu kubafasha gutinyuka kwandika mu Kinyarwanda.

#### 1.2.2. Intego zihariye

Intego zihariye ni izi zikurikira:

1) Gusuzuma impamvu zituma abanyeshuri ba Kibogora Polytechnic batitabira gukora ubushakashatsi mu Kinyarwanda.
2) Kwerekana icyakorwa kugira ngo ubushakashatsi mu Kinyarwanda bwitabirwe muri Kibogora Polytechnic.

### 1.3. Ibibazo ubushakashatsi bushingiyeho

Ubu bushakashatsi bushingiye ku bibazo bikurikira:

1) Ni izihe mpamvu zituma abanyeshuri barangiza ikiciro cya kabiri cya kaminuza muri Kibogora Polytechnic badashishikarira kwandika inyandiko zabo z'ubushakashatsi mu Kinyarwanda?
2) Ni iki cyakorwa kugira ngo ubushakashatsi mu Kinyarwanda bwitabirwe muri Kibogora Polytechnic?

### 1.4. Impamvu z'ubushakashatsi

Nk'uko bivugwa na Mukama na Nkusi (2019), ubushakashatsi bukorwa mu gusesengura no gusobanukirwa ibidukikije, burategurwa, bugakorwa kuri gahunda kandi bukaba bufite intego. Aba bashakashatsi bafatwa nk'inkomarume mu kugaragaza byimbitse uko ubushakashatsi bukwiye gukorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda bakomeza banavuga uburyo ubushakashatsi bukorwa, mu magambo akurikira:

> *Ubushakashatsi burategurwa, bugakorwa kuri gahunda kandi bukagira intego. Ubushakashatsi bushingiye ku gutara no gusesengura amakuru ku bintu byigwa. Aha, umuntu yavuga ko ibyagaragajwe n'ubushakashatsi bishobora kugeragezwa kugira ngo bigire ubwizerwe (reliability), ububonere (validity) n'ubwemerwe. Byongeye, ubumenyi bwagaragajwe n'ubushakashatsi bushobora gukosorwa cyangwa kongerwa. Ntabwo ubumenyi butura nk'umusozi, iyo ubushakashatsi busanze harabaye ikosa mu myumvire y'ibyagaragajwe n'ubushakashatsi, bushobora gukosorwa cyangwa guhindurwa rwose.*

Mu kunguruza ibyavuzwe n'aba bashakashatsi, ni ngombwa ko umushakashatsi mbere na mbere aba afite ikibazo yabonye, yarangiza akakibazaho, nyuma yo kubona inkeneragihamya akajya gushaka gihamya, ari ko gukusanya amakuru, yarangiza agafata umwanzuro ahereye ku makuru yabonye.

Levin (2004) agaragaza akamaro k'ubushakashatsi agira ati: "Ubushake mu gusigasira agaciro k'ubushakashatsi mu burezi bwakomeje kugaragazwa mu isi yose, muri za guverinoma ndetse no mu bashinzwe uburezi". Ibi bivuga ko gukora ubushakashatsi mu bize ari ikintu gikomeye, gishobora kukuvana ku rwego rumwe kikakugeza ku rundi. Iyi ni yo mpamvu kwandika mu rurimi rwawe, wumva neza, bituma udategwa kandi ugasesekaza amarangamutima yawe udafite ipfunwe (Niyomugabo, 2012). Ni na byo bivugwa na Uwera (2022), avuga uruhare rw'Ikinyarwanda muri aya magambo: "Ikinyarwanda ni ururimi kavukire rw'Abanyarwanda. Uru rurimi rwifashishwa muri

serivisi zinyuranye zigenewe rubanda zirimo: iz'uburezi, iz'ubuzima, ibigo bya Leta, iby'abikorera, abafatanyabikorwa ba Leta ndetse no mu bucuruzi nko mu bigo by'imari birimo n'amabanki". Byumvikana ko nta Kinyarwanda nta Rwanda. Binagaragaza ko ubushakashatsi buramutse bukozwe mu Kinyarwanda bwarushaho kugira agaciro, ndetse n'akamaro kabwo kakiyongera.

### 1.5. Akamaro k'ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi bugamije gufasha abanyeshuri barangiza ikiciro cya kabiri cya kaminuza mu ndimi (cyane cyane mu Kinyarwanda) kwandika inyandiko zisoza Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza (dissertations/memoires) mu Kinyarwanda, kuko ari ururimi rw'Abanyarwanda kandi rugomba gutezwa imbere, bitari mu kurwiga gusa, ahubwo no mu kurukoramo ubushakashatsi. Izafasha abanyeshuri bo muri kaminuza zose zo mu Rwanda zigisha Ikinyarwanda, bityo bazatinyuke, ndetse barusheho gucengerwa n'uburyo ubushakashatsi bukorwa, kuko bazaba babisobanuriwe mu Kinyarwanda nk'ururimi bumva, ndetse banakuriweho imbogamizi bahuraga na zo mu kwandika mu Kinyarwanda.

Ubu bushakashatsi buzatanga kandi umusanzu mu gukungahaza Ikinyarwanda ndetse no guteza imbere ubushakashatsi muri rusange, kuko abadakora ubushakashatsi babitewe no gutinya indimi z'amahanga bazatinyuka, maze abakora ubushakashatsi biyongere. Undi musanzu ni uko Ikinyarwanda kizandikwamo cyane, bityo abavugaga ko nta bwenge bwakwandikwa mu Kinyarwanda batsi++ndwe, kuko bizagaragara ko ubumenyi bushobora gutangwa mu rurimi urwo ari rwo rwose, kandi bukaba bwuzuye.

## 2. Ibyanditswe Ku Bushakashatsi

### 2.1. Intangiriro

Ubushakashatsi ni inkingi ya mwamba mu gukemura ibibazo byugarije umuryango w'abantu. Butuma ikibazo kigaragara, hanyuma bugatanga inama zafasha mu kugikemura. Iyo ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka. Ubushakashatsi rero bufasha mu kurigaragaza, bityo icyakabaye ingorabahizi kikaba inyoroherabahizi. Uyu mutwe ugamije gusobanura ibyanditswe ku bushakashatsi, ndetse no kugaragaza icyuho kiburimo ku byerekeye ubushakashatsi mu Kinyarwanda.

### 2.2. Ubushakashatsi mu ikemurabibazo

Iyo abantu bashaka kuzamura imyumvire no kongera imirongo ngenderwaho ku kintu runaka, babikorera mu bushakashatsi. Simpfendorfer et al. (2011) bavuga ko ubushakashatsi butuma ikibazo kiriho gikemuka, ndetse bukanafasha mu gukumira icyashoboraga kuzavuka nyuma. Ubushakashatsi bushaka gukomera igihe buri kwinjira mu kibazo kitazwi gusa (Schwartz, 2008). Ubushakashatsi kandi bwerekana ibihamya bifatika ku kibazo kiri kwigwa, kugira ngo gikemuke neza (Jones, Barlow na Villarejo, 2010). Wolgemuth et al (2014) bavuga ko abantu benshi bashishikazwa no gusubiza ibibazo by'ubushakashatsi cyane, kuruta n'uko basubiza ibibazo by'akazi, kuko mu bushakashatsi nta mwirondoro w'utanga amakuru utangwa, kandi ibivuyemo bikagirira akamaro abantu benshi kuruta igihe cyo gushaka akazi. Ikindi ni uko mu gukusanya amakuru hitabazwa itsinda rito ariko imyanzuro y'ubushakashatsi igafatwa igenewe itsinda rinini, bityo umuntu wese akaba yagira amahirwe yo kungukirwa n'ubwo bushakashatsi, nubwo yaba atabugizemo uruhare (Andrade, 2020). Muri siyansi, cyane ku birebana n'indwara, ubushakashatsi

bugira akamaro kanini mu kumenya igitera iyo ndwara, uburyo abantu bayirinda, umuti cyangwa urukingo bishobora kuyihashya, ndetse n'izindi ngamba zafatwa kugira ngo idakwirakwira (Jason, Fox na Gleason, 2018).

Tugendeye ku byavuzwe n'abashakashatsi, biragaragara ko ubushakashatsi ari inkingi ya mwamba mu gukemura ibibazo ndetse no kubikumira. Ubushakashatsi bukozwe neza bugeza umuryango ku iterambere, bugakungahaza umuryango nyarurimi, bukimakaza umuco, ndetse byanarimba bukanateza imbere umuryango mu buryo bw'amikoro. Muri iki gihe, umuryango nyarwanda ukeneye kongera ubushakashatsi, kugira ngo na wo ugire uburyo buhamye bwo gukemura ibibazo ufite, kujora ibikorwa byakozwe mbere ndetse no kubivugurura kugira ngo bigendane n'igihe tugezemo, ndetse no kwaguka muri rusange. Amakuru y'isi akeneye kumenywa n'umuryango nyarwanda, ndetse n'ay'u Rwanda na yo agomba kumenyekana ku isi yose, dore ko u Rwanda ari igihugu kiri kwihuta mu iterambere. Uku kwihuta rero ntikugomba gusiga inyuma ubushakashatsi, ari na yo ntego yacu, kuko bigaragara ko hakiri ibibazo byinshi bugomba gufasha gukemura mu Rwanda.

**2.3. Akamaro k'ururimi mu bushakashatsi**

Ururimi ni igikoresho cy'ubwumvane, rukaba ingobyi ihetse umuco, imbamutima, ibitekerezo ndetse n'ibyiyumviro by'umuntu. Buri wese yisanzura mu rurimi rwe kavukire, ndetse akanasesekaza amarangamutima ye muri rwo. Ni na ho havuye umugani wo mu Kinyarwanda uvuga ngo: "Akuzuye umutima gasesekara ku munwa". Aha umunwa baba bavuga nta wundi ni ukuvuga ibikurimo. Abashakashatsi Phillips na Ehrenhofer (2015) bavuga ko abashaka gusobanukirwa n'ibivuzwe bagomba guha imiterere y'ururimi (ikibonezamvugo) igisobanuro, aho gutegereza ubutumwa nyirizina. Mu gukora ibi, baba bagomba kuba bashobora gukoresha neza ururimi, kugira ngo birinde ibisobanuro bitateganyijwe. Ibi bigaragaza neza ko kwandika mu rurimi wumva neza ari byo byiza, kuko muri rwo ni mo ugaragariza akakuri ku mutima byimbitse.

Bracken na Oughton (2006) bavuga ko ururimi rugira uruhare rukomeye mu gutuma ibibazo by'ubushakashatsi byumvikana neza, bityo ubushakashatsi bukagera ku ntego yabwo. Ni na byo kandi, kuko ntabwo waba utumva ururimi ngo ubashe gusubiza, n'igihe wasubiza ugenekereje ushobora gutanga amakuru akocamye. Fausey, Long na Boroditsky (2010) bagaragaza ko mu rurimi ari ho umuntu akura uburyo bwa nyabwo bwo kujora no guha inyito ibibera ku isi, ibi bigatuma tubona uko tugira icyo tuvuga ku byabaye ku bandi. Mandela 2008 muri Sekarama, Twagilimana na Bayavuge (2025) avuga ko ibyo wigishije umwana mu rurimi rwe kavukire bimusigara ku mutima. Ibi ni na byo bishimangira imbaraga z'ururimi, cyane ururimi kavukire.

**2.4. Akamaro k'ururimi kavukire mu bushakashatsi**

Nta muntu n'umwe ukwiye kwirengagiza akamaro k'ururimi kavukire mu gukora ubushakashatsi, kuko ari ingobyi ihetse umuco, kandi ubushakashatsi bukaba bushingira ku kibazo kiri mu muryango. Umuntu wese yitegereza, agatekereza kandi akishakamo igisubizo (Mukama na Nkusi, 2018) yifashishije ururimi kavukire. Ururimi ni umubyeyi w'ubushakashatsi, kuko nta rurimi nta bushakashatsi. Ubushakashatsi bukorwa mu rurimi, ari na yo mpamvu utabona uko uvuga ikibazo igihe utazi ururimi. Ururimi kandi ruranga imitekerereze, ari na yo mpamvu ikibazo kigaragazwa mu rurimi (Şahin, 2018). Iyo umwana azi ururimi kavukire, bimworohera kwiga ururimi rw'amahanga (Ndamba, 2008). Icyakorwa cyose mu rurimi rw'amahanga kigendera ku rurimi

kavukire, kuko ari rwo rushumbye amarangamutima y'umuntu (Dujmović, 2014, Timor, 2012, Mercer na Sams, 2006). Kuko ururimi kavukire rwigirwa mu muryango (Khati, 2011), ni na yo mpamvu ari muri rwo ibibazo umuryango ufite bigaragarizwa. Gupta (1997) we avuga ko iyo ururimi kavukire rutitaweho cyangwa ngo ruhabwe agaciro, usanga abantu batisanzura mu byo bavuga, bityo no gutekereza bikagabanyuka. Nta muntu ushobora kugaragaza amarangamutima ye mu rundi rurimi, atari ururimi kavukire rwe.

Byumvikana rero ko ururimi kavukire ari ishingiro ryo gutekereza ndetse no gushaka ibisubizo by'ibibazo bihari, bityo rudahari nta n'ubushakashatsi bwakorwa. Ibikorwa byose bikorwa mu rurimi, ari na rwo rwatumye ubushakashatsi bugera mu Rwanda, kuko nyuma y'umwaduko w'abazungu ari bwo amashuri yageze mu Rwanda, ari na yo yaje azanye ubushakashatsi bwanditse, dore ko mbere Abanyarwanda bitegerezaga bakavuga icyo babonye (Mukama na Nkusi, 2018). Ibyo byose rero byaje mu rurimi. Aho ubwo bushakashatsi bwaje buturutse ho, usanga biga mu ndimi zabo kavukire, ari na zo bakoramo ubushakashatsi.

Gukemura ikibazo bishingira ku rurimi (Baldo, et al. 2005, Xu, et al. 2022). Ururimi rushyira isano hagati y'umwarimu n'umunyeshuri (Valeeva na Bulatbayeva 2016). Welch na Piekkari (2005), Bracken na Oughton (2006) bo bavuga ko kuba udashobora kuvuga ururimi rw'abandi bitagomba kugutera ipfunwe kuko na bo badashobora kuvuga urwawe. Bivuze ko utekereza mu rurimi rwawe, nk'uko na bo batekereza mu rwabo, bityo ntawe ukwiye kugira isoni zo kuvuga ururimi rwe kavukire, icyo gihe bivuga ko nta n'ugomba kugira isoni zo kuba uwo ari we. Mu bushakashatsi, ikibazo kigomba gushakirwa igisubizo uko kimeze, nta ruhande na rumwe rubogamiweho, kugira ngo igisubizo kize gishyira umwotso ku mwobo uturukamo icyo kibazo nyine.

**2.5. Ibangikanywa ry'ururimi rw'Ikinyarwanda n'urw'Icyongereza mu Rwanda**

Icyongereza ni ururimi rukoreshwa mu bihugu byinshi byo ku isi. Mu Rwanda, kiri mu ndimi zivugwa mu gihugu, ariko si rwo rurimi ruvugwa n'abantu benshi kuruta Ikinyarwanda. Rwigishwamo kandi rukanigishwa, guhera mu mashuri abanza kugeza muri kaminuza. Ibi ntibikorwa kimwe ku Kinyarwanda, kuko cyo kigishwa nk'isomo gusa. Abanyeshuri biga muri kaminuza biga amasomo yose mu Cyongereza, ukuyemo indimi zigishwa nk'Ikinyarwanda, Igifaransa n'Igiswayire, ni zo zigwa zonyine. Amasomo yandi yose atari muri izi ndimi yigwa mu Cyongereza, n'isomo ry'ubushakashatsi (research methodology) ririmo. Imbumbanyigisho zose (udakuyemo izigwa n'abiga Ikinyarwanda) zifite amazina mu rurimi rw'Icyongereza, bityo ukabona ko Icyongereza cyamaze kwigarurira Ikinyarwanda.

Rurangirwa (2012) avuga ko ururimi rw'Icyongereza ari ururimi rugomba kwigwa byanze bikunze, kuko ari rwo ruhuriweho n'ibigo, imiryango mpuzamahanga, ndetse rukanakoreshwa mu bushakashatsi n'ikoranabuhanga, rukaba ururimi ndetse rwamaze no kuba ubukombe ahantu hose, nubwo hari n'izindi ndimi zikoreshwa cyane nk'Igifaransa n'Igishinwa. Akomeza avuga ko ibi ariko bidakwiye gutuma abanyafurika basubira mu bukoroni bw'indimi, dore ko ari na bwo bubumbatiye ubukoroni muri rusange, kuko uzi ururimi rwawe aba azi n'umuco wawe, bivuga ko kumenya Icyongereza cyane biganisha ku kumenya umuco w'abazungu, noneho wakirutisha Ikinyarwanda ukaba ufashe umuco w'Abongereza ukawurutisha umuco nyarwanda. Yongeraho ko hakenewe impinduka muri politiki y'indimi mu Rwanda, kugira ngo Ikinyarwanda gihabwe agaciro karuta ako gifite ubu, bibe na ngombwa ko kitabwaho no mu bushakashatsi, kugira ngo Abanyarwanda babone

inyandiko zanditse mu rurimi rwabo, bityo ntibakomeze gushinjwa kudasoma, kuko utasoma ibyo utumva.

Icyongereza cyamaze kuba akarango k'umuntu wese wize, ku buryo mu mvugo isanzwe ndetse n'imvugo y'ubusabane nk'inzego z'ururimi zikwiye kuba zigaragaramo Ikinyarwanda cy'umwimerere usanga havugwamo ururimi mvangitirane rw'Ikinyongereza, rukaba ari igihindugembe, ari rwo rwahinduwe imvugo nyandagazi, kandi mu by'ukuri ari igipijini cyavutse ku Kinyarwanda n'Icyongereza.

### 2.6. Amahange yayoboye ubu bushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwayobowe n'amahange ane ari yo "ihange ryo kwiyumva mu rurimi (language attitude theory), ihange ryo kwitinyuka (self efficacy theory), ihange nyamubano mu rurimi (sociolinguistic theory) ndetse n'ihange rurimi kavukire mu burezi (mother tongue-based education theory).

#### 2.6.1. Ihange ryo kwiyumva mu rurimi

Iri hange ryashyizweho na Gardner & Lambert mu mwaka wa 1972, rigamije gusobanura ko uburyo abanyeshuri biyumva mu rurimi bigira ingaruka mu kurukoresha. Aha bigaragara ko abanyeshuri benshi bahitamo kwandika mu Cyongereza aho kwandika mu Kinyarwanda, kubera uburyo biyumva mu Cyongereza, nk'ururimi rw'amahanga kandi rugezweho. Muri ubu bushakashatsi, bigaragara ko uburyo ururimi rw'Icyongereza rwitabwaho butuma abanyeshuri barwiyumvamo cyane kuruta uko biyumva mu rurimi rwabo kavukire "Ikinyarwanda".

#### 2.6.2. Ihange ryo kwitinyuka

Iri hange ryavumbuwe na Albert Bandura mu 1977, risobanura ko imyumvire abantu bagirira ubushobozi bwo gukora ikintu runaka igira ingaruka mu bushake bwo kugikora. Aha rero na ho bigaragara ko bamwe mu banyeshuri biga Icyongereza n'Ikinyarwanda bagira imyumvire imwe n'imwe ku Kinyarwanda, igatuma badahitamo kucyandikamo, bamwe bavuga ngo kirakomera, abandi ngo amasaku arakomera n'ibindi. Ibi byose bituma bahitamo kwandika mu rundi rurimi rutari Ikinyarwanda, kuko baba barishyizemo ko mu Kinyarwanda ntawe ushobora gukora inyandiko nziza nko mu Cyongereza, cyane ko iyo myumvire inagendera ku kuba nta zindi nyandiko nyinshi zicyanditswemo.

#### 2.6.3. Ihange nyamubano mu rurimi

Iri hange ryashyizweho na Dell Hymes; ndetse na William Labov; bombi mu mwaka wa 1972. Rikaba rishingiye ku bitekerezo bivuga ko imikoreshereze y'ururimi ibangamirwa n'umubano w'abantu mu rubumbambaga/sosiyete, imyumvire ndetse n'ubukesha mu gutumanaho. Aha rero, uko kaminuza iha agaciro indimi, ikigare cyangwa ubucuti abanyeshuri baba bafitanye bituma abanyeshuri bahitamo kwandika mu Cyongereza cyane kuruta mu Kinyarwanda, kubera ko Icyongereza ari ururimi rwigishwamo, bityo rukaba rwanaba ururimi rushyigikiwe mu nyandiko z'ubushakashatsi; naho kwandika mu Kinyarwanda bikaba byanafatwa nk'ibitemewe.

### 2.6.4. Ihange rurimi kavukire n'uburezi

Iri hange ryashyizweho na UNESCO mu mwaka wa 1953, riza kongera kuvugwaho na yo muri 2003. Rivuga ko kwiga no kwisobanura mu rurimi kavukire byongera ukumvikana kw'ibivugwa, bikongera kandi uguhanga udushya ndetse no kugumana indangagaciro z'umuco. Ibi rero bigaragaza ko kuba abanyeshuri badashishikarira kwandika mu Kinyarwanda bituma ubushakashatsi bwakozwe rimwe na rimwe butumvikana, kubusobanura bikagorana, ndetse n'indangagaciro z'umuco nyarwanda zikagenda zikendera buhoro buhoro, kubera kwirundurira mu kwandika mu Cyongereza, ururimi rw'amahanga.

### Umusozo

Umuntu wese uzi neza akamaro k'ururimi, noneho akamenya ak'ururimi kavukire, ntiyatakaza umwanya we na muto yibaza ku kamaro k'ururimi kavukire mu bushakashatsi, kuko kigaragaza cyane. Ubushakashatsi budafite ururimi buba bumeze nk'umwana udafite umubyeyi, atari uko yapfuye, ahubwo yaravutse nta mubyeyi, ari cyo kintu kidashoboka. Ururimi kavukire ni rwo soko y'ubushakashatsi, kuko ikibazo kiboneka mu rurimi, ndetse no gutekereza bikabera mu rurimi kavukire. Bigaragara ko kwiga mu rurimi rutari kavukire bituma uwiga akora imirimo ibiri icyarimwe, ari yo: "Kwiga ururimi ari kwigishwamo ndetse no kwiga ibyo ari kwigishwa". Ibi ni byo bituma ibihugu byateye imbere byiga mu ndimi zabyo kavukire, ndetse n'Umunyafurika ugiye kwigayo na we akaba ategetswe kubanza kwiga ururimi rw'icyo gihugu, kuko ari na rwo azigamo. Ibi bigaragaza ko kugeza ubu hakiri ikibazo muri politiki y'indimi.

## 3. Iyoboramikorere Ry'ubushakashatsi

Ubu bushakashatsi bwakozwe ku mbogamizi ubushakashatsi mu Kinyarwanda buhura na zo. Bugamije gufasha abanyeshuri bo muri kaminuza gutinyuka bagakoresha Ikinyarwanda nk'ururimi rwabo kavukire, bakarwandikamo, bakarutangamo ibitekerezo ndetse bakanarukoramo ubushakashatsi. Ibi bizabafasha mu gukemura ibibazo biboneka mu burezi mu Rwanda, kuko uwandika mu rurimi kavukire aba afite "agashyuhe" ndetse ntanagire ipfunwe n'isoni igihe asobanura ubushakashatsi yakoze, ahubwo akisanzura, akagaragaza ikibazo neza nta kubogama ndetse nta n'impungenge z'ururimi agize.

Ubu bushakashatsi bwashingiye ku bibazo byagaragaye mu banyeshuri barangiza kaminuza mu Agashami k'Icyongereza n'Ikinyarwanda, aho buri munyeshuri urangiza Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza (Bachelor) asabwa kwandika inyandiko isoza amashuri (memoire/dissertation) ndetse akanayisobanura (defence). Byagaragaye ko abanyeshuri benshi bagaragaza ubushobozi buke mu gusobanura inyandiko zabo, kubera ikibazo cy'ururimi baba banditsemo rw'Icyongereza, kandi bafite uruhengekero rwo kuba bakwandika mu Kinyarwanda.

Itsinda shingiro (target population) ryari rigizwe n'abanyeshuri 462 bamaze kwandika inyandiko zabo bakanazisobanura, ndetse n'abandi 836 bategereje kuzandika, biga Ikinyarwanda muri kaminuza yigenga ya Kibogora Polytechnic (KP). Itsinda nkeshwamakuru (sample size) ryatoranyijwe hashingiwe ku gushakana (snowball sampling) ku bamaze kwandika, maze haboneka itsinda ringana n'abanyeshuri 51, no ku mpamvu (purposive sampling) ku batarandika, ari na bwo habonetse abangana na 92. Ubushakashatsi bwibanze ku banyeshuri biga mu myaka yegereye ikigero cyo kwandika izo nyandiko, ni ukuvuga umwaka wa Gatatu n'umwaka wa Kane ndetse n'abanyeshuri bamaze kwandika no gusobanura inyandiko zabo, kuko bagombaga kugaragaza impamvu bamwe muri bo bahisemo kwandika mu Cyongereza abandi mu Kinyarwanda, bityo amakuru batanze agahuzwa n'ay'abateganya kwandika, kugira ngo amakuru abe yuzuye neza kandi

yizewe. Mu gukusanya amakuru kuri aya matsinda nkeshwamakuru abiri, hifashishijwe urutonde rw'ibibazo binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga (online questionnaire).

## 4. Imurikamakuru, Isesenguramakuru N'iganiramakuru

### 4.1. Intangiriro

Mu gukusanya amakuru muri ubu bushakashatsi, twibanze ku makuru ari mu byiciro bibiri. Ikiciro cya mbere cy'amakuru ni amakuru y'ibanze, yakusanyijwe mu itsinda nkeshwamakuru ryari ryatoranyijwe. Aya makuru ni yo asesengurirwa muri uyu mutwe. Ikiciro cya kabiri cy'amakuru kirimo amakuru y'inyongera cyangwa yunganira yavuye mu isesengura ry'inyandiko zitandukanye zanditswe ku bushakashatsi muri rusange, ndetse no ku bushakashatsi mu Kinyarwanda. Aya makuru akaba yarasesenguwe mu mutwe wa kabiri w'iyi nyandiko.

### 4.2. Imiterere y'itsinda nkeshwamakuru

Itsinda nkeshwamakuru ryari rigizwe n'abanyeshuri biga muri kaminuza yigisha Icyongereza n'Ikinyarwanda ndetse no kubyigisha, ari yo Kibogora Polytechnic, mu mpine ikaba yitwa KP. Habajijwe abanyeshuri bize n'abiga mu mpuzo y'Icyongereza n'Ikinyarwanda (English and Kinyarwanda), kubera ko ari bo ubushakashatsi bwibandagaho.

Ubushakashatsi bwagabanyije aba bakeshwamakuru mu matsinda abiri, ari yo itsinda ry'abanyeshuri bamaze kwandika inyandiko z'ubushakashatsi, ndetse n'itsinda ry'abatarandika. Aya matsinda yombi yahawe ibibazo bitandukanye, ariko byose biganisha ku kibazo cyatumye ubu bushakashatsi bukorwa.


### 4.3. Imurikamakuru n'isesengurwa ryayo

Iri murikamakuru ririfashisha amakuru yavuye mu bakeshwamakuru bamaze kwandika n'abatarandika inyandiko z'ubushakashatsi. Mu kumurika aya makuru harifashishwa imbonerahamwe n'ibishushanyo bigaragaza amakuru nyamubaro. Ayo makuru yasesenguwe ku buryo bw'ijanisha ry'imibare.

#### 4.3.1. Itsinda ry'abanyeshuri barangije gukora inyandiko z'ubushakashatsi

Abanyeshuri bamaze kwandika inyandiko zabo zisoza Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza bahawe ibibazo bigamije kureba ururimi banditsemo inyandiko zabo, ndetse n'impamvu ari rwo bahisemo kwandikamo. Twakekaga ko abanyeshuri bumva kwandika mu Kinyarwanda byaba ari byo byoroshye, ariko bagaragaje ko kwandika mu Cyongereza biborohera kurusha mu Kinyarwanda. Abasubije ibi bibazo ni abanyeshuri 51.

##### 4.3.1.1. Ururimi abakeshwamakuru bumva bakoramo ubushakashatsi




**Ish. 1:** Ururimi abakeshwamakuru bumva bakoramo ubushakashatsi

Nk'uko bigaragara ku ishusho ya 1, amakuru yatanzwe n'abasubije ibibazo byanditse bangana na 51 bahwanye 100%, ku kibazo kijyanye n'ururimi rworoshye kwandikamo inyandiko y'ubushakashatsi, abakeshwamakuru batanze amakuru ku buryo bukurikira:

Ku bijyanye no guhitamo ururimi rwandikwamo, mu bakeshwamakuru 51, 37 bangana na 72.5% basubije ko ururimi rworoshye kwandikamo inyandiko zabo z'ubushakashatsi ari Icyongereza. Naho abakeshwamakuru 14 bangana na 27.5% bemeje ko byoroshye kwandika inyandiko y'ubushakashatsi mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Muri make, ushingiye ku bisubizo bitandukanye byatanzwe n'abakeshwamakuru biragaragara ko umubare munini w'abakeshwamakuru bahamya ko kwandika inyandiko zabo mu rurimi rw'Icyongereza biborohera ugereranyije n'Ikinyarwanda.

#### 4.3.1.2. Impamvu zatumye abakeshwamakuru bahitamo kwandika mu rurimi bavuze

**Imb. 1:** Impamvu zatumye abakeshwamakuru bahisemo kwandika mu Cyongereza

| **Impamvu zatumye abakeshwamakuru bahitamo ururimi rw'Icyongereza** | **Ubwisubire** | **Ijanisha** |
|---|---|---|
| Iya dushyize insanganyamatsiko mu nkoranabuhanga ya Chat GPT ihita iduha ubushakashatsi bwose mu gihe mu Kinyarwanda bidakunda | **10** | **19.5** |
| 1. Biroroha kubona amakuru afasha kunoza inyandiko y'ubushakashatsi mu Cyongereza kuko hari byinshi byakozwe ku buryo no kuri murandasi amakuru yose umuntu akenera ayahasanga. | 7 | 13.7 |
| 2. Icyongereza ni rwo rurimi twizemo amasomo yose kuva dutangiye bityo dufite inyunguramagambo nyinshi kurusha iz'Ikinyarwanda. | 5 | 9.9 |
| 3. Icyongerezo kiroroha kuko bidasaba kwandika mu masaku. | 4 | 7.8 |
| 4. Biroroshye kubona ibitabo byo kwifashisha. | 4 | 7.8 |
| 5. Imbumbanyigisho y'ubushakashatsi tuyiga mu Cyongereza bityo bigatuma tumenya amagambo yabugenewe akoreshwa mu bushakashatsi no kubona ibitekerezo bikoroha. | 4 | 7.8 |
| 6. Ni ururimi rwateye imbere rukoreshwa no mu butegetsi. | 3 | 6 |
| **Igiteranyo** | **37** | **72.5** |

**Imb. 2:** Impamvu zatumye abakeshwamakuru bahisemo kwandika mu Kinyarwanda

| **Impamvu zatumye abakeshwamakuru bahitamo ururimi rw'Ikinyarwanda** | **Ubwisubire** | **Ijanisha** |
|---|---|---|
| 1. Ni ururimi kavukire twibonamo kandi rwumvwa n'Abanyarwanda bose bityo rutuma ubwumvane butagira inzitizi. | 9 | 17.6 |


| | | |
|---|---|---|
| 2. Kuko byorohera itsinda nkeshwamakuru gusobanukirwa no gusubiza neza mu rurimi kavukire. | 3 | 5.9 |
| 3. Kubera ko bwandikiwe kandi buzasomwa n'Abanyarwanda | 2 | 4 |
| **Igiteranyo** | **14** | **27.5** |

Nk'uko bigaragara ku mbonerahamwe zo hejuru, abakeshwamakuru bagaragaje impamvu zitandukanye zatumye bahitamo kwandika inyandiko zabo mu ndimi z'Icyongereza cyangwa Ikinyarwanda mu buryo bukurikira:

Umubare munini w'abakeshwamakuru bavuze ko impamvu bahisemo kwandika inyandiko zabo mu rurimi rw'Icyongereza, ari uko hari inkoranabuhanga nka ChatGpt zibafasha kubona ibitekerezo ku nsanganyamatsiko iyo ziri mu Cyongereza, abandi bavuga ko biborohera kubona amakuru abafasha kunoza inyandiko z'ubushakashatsi bwabo, kuko hari byinshi byakozwe ku buryo no kuri murandasi amakuru yose umuntu akenera ayahasanga; ndetse urwo rurimi ntirugira amasaku.

Ku rundi ruhande, abahisemo Ikinyarwanda bavuga ko ari ururimi kavukire rubafasha kugirana ubwumvane nta nzitizi kuko bose bumvikana muri urwo rurimi bitagombereye umusemuzi. Ikigaragara ni uko Ikinyarwanda kigifite imbogamizi mu kucyandikamo; nk'uko bigaragara mu mibare ko mu basubije, aho 14 gusa ari bo bagaragaza ko kwandika mu Kinyarwanda byoroshye.

#### 4.3.1.3. Ururimi abasubije banditsemo inyandiko zabo





**Ish. 2:** Ururimi abakeshwamakuru banditsemo inyandiko zabo, hagati y'Icyongereza n'Ikinyarwanda

Nk'uko bigaragara kuri iki gishushanyo itsinda nkeshwamakuru ry'abakoze ubushakashatsi biga muri Kibogora Polytechnic, abangana na 78.4% banditse mu Cyongereza naho abandi bangana na 21.6% bandika mu Kinyarwanda. Ni ukuvuga ko umubare munini wahisemo kwandika mu Cyongereza ugereranyije n'abanditse mu Kinyarwanda. Ibi tubihuje n'amakuru batanga ku kibazo cya mbere kibaza ururimi bumva bahitamo kwandikamo inyandiko zabo z'ubushakashatsi, usanga n'abiyumvagamo Ikinyarwanda mbere yo kwandika baragabanutseho 5.9% bakiyandikira mu Cyongereza. Aya makuru rero arerekana imyumvire bafite kuri izi ndimi zombi. Icyongereza kirakunzwe cyane kurusha Ikinyarwanda mu kwandikamo ubushakashatsi. Ibi bikaba bishimangirwa n'umushakashatsi Ahmad (2020) aho asobanura ko imyumvire ku ndimi ari uburyo umuntu abona cyangwa yiyumvamo ururimi runaka, akarukunda cyangwa akarwanga, bityo iyo myumvire ikagira uruhare mu mahitamo ye.

#### 4.3.1.4. Impamvu yatumye abanyeshuri bahitamo kwandika mu rurimi rwavuzwe

Iki kibazo cyabazaga abanyeshuri bamaze kwandika impamvu yatumye bahitamo kwandika mu rurimi rw'Icyongereza cyangwa Ikinyarwanda. Mu bisubizo byatanzwe, hagaragajwe ko impamvu nyamukuru ari ukuba babona inyandiko nyinshi zibafasha mu bushakashatsi zanditswe muri urwo rurimi, nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira:




**Ish. 3:** Impamvu yatumye bandika mu Cyongereza cyangwa mu Kinyarwanda

Nk'uko bigaragara, impamvu yagaragajwe ku kigero cyo hejuru kingana na 70.6% ni ukuba haboneka inyandiko nyinshi zibafasha zanditse muri urwo rurimi, kandi nk'uko byagaragajwe haruguru, ururimi benshi bahisemo kwandikamo ni Icyongereza. Indi mpamvu yiganje yabaye kuba ari rwo rurimi rworoshye kwandikamo, ndetse n'imbumbanyigisho y'ubushakashatsi ikaba yigishwa muri urwo rurimi (Icyongereza), ku kigereranyo cya 51%, naho impamvu yo kuba ari rwo ruborohera yatanzwe ku ijanisha rya 47.1%. Izindi mpamvu zagaragajwe ziganisha ku bahisemo kwandika mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Ibi bigaragaza ko Icyongereza nk'ururimi rwigishwa ndetse rukanigishwamo n'amasomo yose, rwamaze gufata urwego ruhambaye mu nyandiko z'ubushakashatsi zikorwa n'abanyeshuri barangije kwiga impuzo y'Icyongereza n'Ikinyarwanda (ENG-KINY) mu Kiciro cya Kabiri cya Kaminuza. Ni na yo mpamvu ari rwo rurimi rwaboroheye kwandikamo, imbumbanyigisho yigisha ibyerekeye ubushakashatsi (Module of Research Methodology) ikaba iri mu Cyongereza, bigatuma n'inyandiko za bakuru babo (abarangije mbere) ziba nyinshi, bityo bakabona izibabera bandebereho.

#### 4.3.1.5. Izindi mpamvu zituma umunyeshuri ashobora guhitamo cyangwa ntahitemo kwandika mu Kinyarwanda


Impamvu zagaragajwe n'abasubije, ziganisha ku mpamvu zavuzwe haruguru. Abasubije bagaragaje ko kwandika mu Kinyarwanda bigoye, ari na yo mpamvu bahitamo kwandika mu Cyongereza, bangana na 83%, babivuze mu bisubizo nko "*Ikinyarwanda kigira ibitabo bikeya mu bushakashatsi, ntabwo upfa kubona indangasoko, Ikinyarwanda kiragorana kukibonera amagambo yumvikana ndetse kubona izindi nyandiko zo kwibandaho biragoye, sinabasha kubona Ikinyarwanda kuri gugo (google), abashakashatsi benshi baranditse mu Cyongereza, baduha amahitamo yo kwandika mu Cyongereza, imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iragorana, amagambo akoreshwa mu bushakashatsi aba akomeye dore ko amasomo y'ubushakashatsi tuba twarayize mu Cyongereza ndetse n'inyandiko nyinshi ziboneka mu Cyongereza, Icyongereza ni ururimi rwateye imbere kandi rw'abantu basobanutse bityo inyandiko iri mu Cyongereza*

*igaragaza ko nyirayo yize koko kandi asobanutse, Icyongereza ni ururimi mpuzamahanga, Ikinyarwanda ntabwo ari mpuzamahanga, English (Icyongereza) cyumvwa n'abantu benshi*".

Ibi bisubizo byatanzwe bigaragaza ko Ikinyarwanda cyatsikamiwe cyane mu bushakashatsi bukorwa n'abanyeshuri barangiza Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza, nk'uko bigaragara mu bisubizo byatanzwe n'abanyeshuri barangije kwandika inyandiko zabo. Niba kandi bavuga ko nta nyandiko zihagije zifasha abandika mu Kinyarwanda, ntitwabura kuvuga ko banatunga agatoki abashakashatsi muri rusange b'Abanyarwanda ko batitaye ku guteza imbere ururimi rwabo rw'Ikinyarwanda binyunze mu bushakashatsi.

#### 4.3.1.6. Ururimi rworoheye abanyeshuri mu gusobanura ubushakashatsi (defence)

Iki kibazo cyabajijwe hagamijwe kureba imyumvire abanyeshuri bafite mu gusobanura ubushakashatsi mu ndimi zigwa mu mpuzo barangijemo, ari zo Icyongereza n'Ikinyarwanda. Ibisubizo byatanzwe bigaragazwa mu ishusho ikurikira:




**Ish. 4:** Ururimi rworoshye gusobanuramo ubushakashatsi

Ibisubizo bigaragaza ko gusobanura ubushakashatsi mu Cyongereza byoroshye kuruta mu Kinyarwanda, kuko Icyongereza cyatanzwe ku kigero cya 60.8%. Iki gisubizo kigendanye n'ururimi abanyeshuri banditsemo cyane, ari rwo Icyongereza, kuko ntabwo bari kuvuga ko kwandika mu Kinyarwanda ari byo byoroshye kandi batarigeze bacyandikamo. Icyongerwaho ni uko utavuga ko umuntu ashobora kwisobanura mu rurimi rw'amahanga kuruta mu rurimi kavukire. Ni yo mpamvu bigaragara ko kuba kwandika ubushakashasti mu Cyongereza byaramamaye, ubwo no kubusobanura na byo bigomba kuba bimenyerewe. Iyo rero urebye ukuntu 27.5% bagaragaje ko bakwandika mu Kinyarwanda, ariko 39.2% bakaba bavuga ko gusobanura mu Kinyarwanda ari byo byoroshye, bivuze ko iki kinyuranyo cya 11.7% ari icyo kugaragaza ko hari ikibazo mu guhitamo ururimi rwandikwamo, kuko mu mpamvu zagaragajwe harimo no kuba bamwe bahatirwa kwandika mu Cyongereza, bigatuma ari cyo bandikamo, ariko batibagiwe ko iyo baza kwandika mu Kinyarwanda byari kuzaborohera gusobanura ubushakashatsi bwabo kurushaho.

#### 4.3.1.7. Impamvu zatumye bamwe mu bakeshwamakuru bandika mu Kinyarwanda

Iki kibazo cyabajijwe hagamijwe kumenya impamvu hari abakeshwamakuru bahisemo ndetse bakanandika mu Kinyarwanda, aho kwandika mu Cyongereza nk'abandi, nk'uko byagaragajwe mu bisubizo byatanzwe ku kibazo cya gatatu cyabazaga ururimi abakeshwamakuru banditsemo, aho byagaragaye ko 78.4% banditse mu Cyongereza, naho 21.6% bakandika mu Kinyarwanda. Aba banditse mu Kinyarwanda rero bagaragaje impamvu zitandukanye zatumye bacyandikamo, nko kuba "*Icyongereza cyaradutse bararangije kwiga (2.4%), kuba ari ururimi rwabo kavukire (74.3%), ni rwo*


*rurimi rutagorana kurwumva 12.5%, kirumvikana/baragikunda (6.1%), ntibumva neza Icyongereza (1%), bashaka guteza imbere ururimi kavukire (2.4%), bashaka kuba muri bake bagaragaza ko bakunda ururimi rwabo (1.3%)*". Ibi bisubizo byose biganisha ku kuba Ikinyarwanda gikunzwe n'âbakîiga, ndetse bakaba banabibona ko cyasigaye inyuma mu bushakashatsi, bityo bakaba bifuza ko benshi bajya bacyandikamo, kugira ngo imbogamizi bahura na zo zigabanyuke.

Turebye ibibazo byabajijwe abakeshwamakuru barangije kwandika inyandiko zabo, bigaragara ko kwandika mu Kinyarwanda byari ingorabahizi, kuko abacyanditsemo ari bake cyane, kandi abavuga ko ari rwo rurimi rworoshye kwandikamo akaba ari benshi. Bigaragaza rero ko hari ikibazo ku bushakashatsi mu Kinyarwanda, kuko niba ari rwo rurimi kavukire kandi rworoshye ariko bakaba batararwanditsemo bivuga ko hari impamvu nyinshi, ndetse zigomba kuvaho.

#### 4.3.2. Itsinda ry'abanyeshuri bitegura kwandika inyandiko z'ubushakashatsi

Abanyeshuri batarandika inyandiko zabo bahawe ibibazo biganisha ku kumenya ururimi bumva rwazaborohera kwandikamo, ndetse n'impamvu bajya bumvana bagenzi babo zituma bazahitamo kwandika mu rurimi runaka. Abasubije ibi bibazo bari 92.

##### 4.3.2.1. Ururimi ruzakorwamo ubushakashatsi





**Ish. 5:** Ururimi abakeshwamakuru bumva bakoramo ubushakashatsi

Nk'uko bigaragara kuri iyi shusho, amakuru yatanzwe n'abasubije ibibazo byanditse bangana na 92 bahwanye 100%, ku kibazo kijyanye n'ururimi bazahitamo kwandikamo inyandiko y'ubushakashatsi, abakeshwamakuru batanze amakuru ku buryo bukurikira:

Ku bijyanye no guhitamo ururimi bazandikamo, mu bakeshwamakuru 92, 83 bangana na 90.2% basubije ko ururirimi bumva rwaborohera bazandikamo ari Ikinyarwanda. Naho abakeshwamakuru 9 bangana na 9.8% bavuzeko bazandika inyandiko z'ubushakashatsi mu rurimi rw'Icyongereza.


##### 4.3.2.2. Zimwe mu mpamvu zatera abanyeshuri kwandika inyandiko zabo mu Kinyarwanda




**Ish. 6:** Impamvu kwandika mu Kinyarwanda byakoroha

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbonerahamwe, umubare munini w'abakeshwamakuru batekerezaga kuzakora ubushakashatsi bwabo mu rurimi rw'Ikinyarwanda bagahuriza ku kuvuga ko ari ururimi rw'igihugu, urumi kavukire, ururimi rushobora kumvwa n'abagenerwabutumwa, kuba kurutangamo ibitekerezo biborohera ugereranyije n'urw'Icyongereza. Umubare muto w'abakeshwamakuru bavuzeko impamvu zizabatera kwandika mu rurimi rw'Ikinyarwanda ari uko babona rugeze mu marembera bakaba bagomba kuruteza imbere binyuze mu kurwandikamo inyandiko za gihanga. Hari n'abavuze ko urukundo bakunda Ikinyarwanda ruzatuma barukoraho ubushakashatsi.

#### 4.3.2.3. Zimwe mu mpamvu zizabatera kwandika inyandiko zabo mu rurimi rw'Icyongereza





**Ish. 7:** Impamvu zituma uhitamo kwandika mu Cyongereza

Amakuru yerekanwe muri iyi mbonerahamwe aragaragaza impamvu zatanzwe n'abakeshwamakuru ku rurimi rw'Icyongereza bateganya kuzandikamo. Abenshi bemezaga ko bazandika mu Cyongereza kubera ko kurubonamo amakuru byoroshye, abandi bahamyako kuba ari ururimi rugezweho rukoreshwa mu butegetsi, kuba inkoranabuhanga zizabafasha kwandika inyandiko zabo ndetse no kuba ari ururimi mpuzamahanga.

Dushingiye ku makuru yatanzwe n'ababajijwe impamvu zizatuma bahitamo ururimi bazandikamo, biragaragara ko abanyeshuri benshi bifuza kwandika ubushakashatsi bwabo mu Kinyarwanda, ariko bagahitamo kwandika mu Cyongereza kubera ko batinya ko bazabura amakuru azunganira inyandiko zabo ndetse inyandiko zabo ntizibonerwe aho zitangarizwa. Ibi birerekana ko Ikinyarwanda gikeneye kwitabwaho kugira ngo cyandikweho n'abashakashatsi batandukanye.

#### 4.3.2.4. Ururimi abakeshwamakuru bifuza kuzandikamo

Abakeshwamakuru babajijwe iki kibazo, hagamijwe kureba ururimi bumva bazandikamo inyandiko, kugira ngo harebwe niba haboneka ikinyuranyo ku bamaze kwandika. Ibisubizo byatanzwe bigaragara mu ishusho ikurikira:





**Ish. 8:** Ururimi abakeshwamakuru bumva bakoramo ubushakashatsi

Nk'uko bigaragara, abakeshwamakuru 69 bangana na 75% bavuga ko bazahitamo kwandika mu Kinyarwanda, naho 23 bangana na 25% bo bazandika mu Cyongereza. Aha, bigaragara ko umubare w'abafite inyota yo kwandika mu Kinyarwanda usanzwe ari munini, kubera impamvu zagaragajwe haruguru nko kuba ari ururimi kavukire, kuba ari rwo rworohera abakeshwamakuru, kuba ari rwo rurimi rwakorohereza gusobanura ubushakashatsi bwawe, ndetse no kuba bifuza guteza imbere ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 4.3.2.5. Impamvu abakeshwamakuru bazahitamo kwandika mu rurimi bavuze

Iki kibazo cyabajijwe hagamijwe kureba ko amahitamo y'umunyeshuri agendera ku ngingo zifatika kandi zisobanutse, bityo abasubije babigaragaje mu buryo bukurikira:




**Ish. 9:** Impamvu ituma umukeshwamakuru ahitamo kwandika mu Kinyarwanda cuangwa Icyongereza


Abakeshwamakuru 52 bangana na 56.5% bagaragaje ko impamvu nyamukuru ari ukuba ari ururimi kavukire, aha ni ukuvuga Ikinyarwanda, 49 bangana na 53.3% bavuga ko ari rwo rurimi ruborohera, 45 bangana na 48.9% bavuga ko ari rwo rurimi bumva cyane, ndetse banavuga kandi ko ari rwo rworoshye kwandikamo, 46 bangana na 50% bavuga ko impamvu ari uko babona inyandiko nyinshi zibafasha zanditse muri urwo rurimi, 43 bangana na 46.7% bavuga ko impamvu yaba ari ukuba imbumbanyigisho y'ubushakashatsi iri muri urwo rurimi, naho 31 bangana na 33.7% bakavuga ko impamvu yaba kuba imbata y'inyandiko y'ubushakashatsi itangwa na kaminuza bigamo yaba iri muri urwo rurimi.

Ibi bigaragaza ko imbumbanyigisho y'ubushakashatsi iramutse yigishijwe mu Kinyarwanda, ndetse hakaboneka n'imbata y'inyandiko y'ubushakashatsi (dissertation format) ikaboneka mu Kinyarwanda, byatuma abanyeshuri benshi bitabira kwandika mu Kinyarwanda, kuko ari rwo rurimi kavukire, rukanaba ururimi bose biyumvamo. Dubois na Bagenzi (1973) basobanura ko ururimi

kavukire ari ururimi, urukoresha mu gihugu akomokamo afata kuva mu bwana bwe agakomeza akarwiga mu mvugo ye. Ni ururimi yisanzuramo mu gihugu ke.

#### 4.3.2.6. Impamvu zishobora gutuma abakeshwamakuru bahitamo cyangwa ntibahitemo kwandika mu Kinyarwanda

Iki kibazo cyabazaga abakeshwamakuru kugaragaza impamvu zituma bazahitamo kwandika mu Kinyarwanda, cyangwa se ntibahitemo kucyandikamo. Ibisubizo bishyigikira bigaragaza ko kwandika mu Kinyarwanda bizaba ari byiza kuri bo kuruta kutacyandikamo, nk'uko bigaragara mu ishusho ikurikira:





**Ish. 10:** Ururimi abakeshwamakuru bumva bakoramo ubushakashatsi

Nk'uko bigaragara, kwandika no gusobanura ubushakashatsi biroroshye (51.1%), nta kibazo waba ufite uramutse uri gusobanura mu rurimi rwawe kavukire (69.6%), ndetse n'ibisobanuro biri mu Kinyarwanda ni byo byumvikana cyane (48.9%). Igisubizo kiyongeyemo ni ukuba abarimu b'Ikinyarwanda basobanura neza (47.8%), akaba ari na yo mpamvu bigaragara ko kwandika mu Kinyarwanda byaba ari byiza kuruta kwandika mu Cyongereza, dukurikije ibyo abakeshwamakuru basubije.

#### 4.3.2.7. Icyo wavuga ku nyandiko zanditswe mu Kinyarwanda


Abakeshwamakuru babajijwe iki kibazo kugira ngo bagaragaze intekerezo zabo ku nyandiko z'ubushakashatsi zanditswe mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Ibisubizo batanze bigaragazwa mu mbonerahamwe ikurikira:




**Ish. 11:** Icyo abasubije bavuga ku nyandiko z'ubushakashatsi zanditse mu Kinyarwanda

Ku nyandiko zanditse mu Kinyarwanda, 12 bangana na 13.4% bavuze ko batarazisoma, 9 bangana na 9.7% bavuga ko ziba zicukumbuye cyane, naho 8 bangana na 8.6% zitanga ibisobanuro byimbitse kandi ziranasobanutse. Aha bigaragara ko inyandiko zanditse mu Kinyarwanda ziba zumvikana kandi zikaba zinasobanutse, ku buryo uzisoma aba ashishikaye kandi akaba afite agashyuhe. Bityo kwandika mu Kinyarwanda byakongerera Ikinyarwanda imbaraga.

#### 4.2.2.8. Icyo kaminuza zakora kugira ngo zishishikarize abanyeshuri kwandika mu Kinyarwanda




**Ish. 12:** Icyo kaminuza yakora kugira ngo abanyeshuri bashishikarire kwandika mu Kinyarwanda

Nk'uko bigaragara, kugira ngo abanyeshuri bashishikarire kwandika mu Kinyarwanda, kaminuza zirasabwa gukora ubukangurambaga ku kwandika inyandiko zisoza Ikiciro cya Kabiri cya Kaminuza (memoire) mu Kinyarwanda, uko byagaragajwe n'abakeshwamakuru 42 bangana na 45.6%. Ni muri ubwo bukangurambaga kandi hazagaragazwa imbata y'inyandiko y'ubushakashatsi, nk'uko byavuzwe n'abakeshwamakuru 20 bangana na 21.7%. Zikwiye kandi guha abanyeshuri umurongo uhamye w'inyandiko zikorwa, nk'uko bigaragazwa na 15 bangana na 16.3%, kandi zikabemerera kwandika badashyiraho amasaku nk'uko na byo byavuzwe na 12 bangana na 13%. Ibi byose bikozwe, abanyeshuri ntibazongera gutinya kwandika mu rurimi rwabo rw'Ikinyarwanda.

### 4.4. Iganiramakuru

Amakuru yatanzwe n'abakeshwamakuru agaragaza ko kwandika mu Cyongereza ari byo byateye imbere kuruta kwandika mu Kinyarwanda. Ni mu gihe kandi, imbumbanyigisho y'ubushakashatsi (research methodology module) yigishwa mu Cyongereza, ari na rwo rurimi rwigishwamo. Ibi bisobanura ko umunyeshuri atabona aho ahera avuga ko yakwandika mu Kinyarwanda, nubwo hari abagerageza kucyandikamo.

Ikinyarwanda nubwo cyandikwamo ariko na bwo kiracyafite imbogamizi nyinshi, harimo nko kutitabwaho mu mashuri, kudahabwa agaciro, ndetse nta n'ubwo mu Rwanda ushaka kwandika mu Kinyarwanda yabona ikinyamakuru cy'uburezi (academic journal) kemewe yasohoreramo (publication) inyandiko ye. Ibi bisobanura ko uwandika mu Kinyarwanda afatwa nk'utagize icyo akora mu rwego rwo kumenyekana ko ari umwanditsi w'umuhanga.

Ibyagaragajwe n'itsinda nkeshwamakuru rero bibogamiye ku kuba Ikinyarwanda kidafite uruhare rugaragara mu bushakashatsi, bityo bikanatuma n'izindi mpamvu zikura nko kuba inyandiko zifasha ukora ubushakashatsi zitaboneka, kuba abandika mu Kinyarwanda batabona ababafasha, kuba nta muga ari mu Kinyarwanda akoreshwa, ndetse n'ahari make akaba atanoze, kuba abandika mu

Kinyarwanda basabwa kwandika mu nyandiko ya gihanga igaragaza ubutinde n'amasaku, n'ibindi, byose bituma abanyeshuri batinya kwandika inyandiko zabo mu Kinyarwanda.

Ibi ariko ntibyari bikwiye kuba bikiri ikibazo, kuko mu mwaka wa 2019, abashakashatsi babiri ari bo Mukama na Nkusi, banditse inyandiko yitwa "*Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu*", iyi nyandiko ikaba isobanura neza ukuntu ubushakashatsi bwajya bukorwa mu Kinyarwanda. Si na bo gusa, mu mwaka wa 2012 hatangiye gusohoka inyandiko z'ubuzobere zanditse mu Kinyarwanda, zanditswe n'abanyeshuri bari barangije ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza (Masters) mu Kinyarwanda, ariko na mbere yaho, inyandiko z'ubushakashatsi zandikwa n'abanyeshuri basoza ikiciro cya kabiri cya kaminuza (undergraduate) zaranditswe. Hari kandi n'izindi nyandiko zagiye zisohoka zanditse mu Kinyarwanda, bityo uku gutinya kucyandikamo ntibyagombaga kuba bikiri ikibazo, kuko ari ururimi kavukire buri munyarwanda wese yisanzuramo.

Kudakora ubushakashatsi mu Kinyarwanda ni kimwe mu bidindiza iterambere ry'ururimi kuko imbaraga z'ururimi zishingira ku barukoresha, ku mwanya no ku mirimo ruhabwa mu gihugu (Elizabeth de kadt, 1993S), ndetse bikanatuma ibibazo bimwe na bimwe bidakemuka, dore ko akamaro k'ubushakahsti ari ugukemura ibibazo byugarije umuryango.

**Umusozo**

Ibyagaragajwe n'itsinda nkeshwamakuru bisobanura neza ko abanyeshuri biga muri kaminuza by'umwihariko abiga mu mpuzo y'Ikinyarwanda n'izindi ndimi, bakeneye ubwisanzure mu guhitamo ururimi bandikamo, bityo bagashobora kwihitiramo kwandika mu rurimi rwabo kavukire rw'Ikinyarwanda, kuko ari mu rurimi kavukire umuntu ashobora kugaragaza imbamutima ze zose adafite ipfunwe.

## 5. Umwanzuro N'ibyifuzo

Ikinyarwanda ni ururimi kavukire rw'Abanyarwanda, ni na rwo rubafasha gusesekaza akabari ku mutima. Ubu shakashatsi na bwo ni uburyo buboneye bwo gufasha abantu gukemura ibibazo bihari, ari na yo mpamvu buhera ku kibazo kiriho, bityo umuryango ukabona uko wihaza mu nzira nziza zigomba kunyurwamo igihe umuntu akemura ibibazo. Iyo ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka. Uyu ni umugani w'umugenurano ukunze gukoreshwa n'Abanyarwanda, bashaka kwerekana ko ikibazo kivumbuwe kare gishakirwa igisubizo mu maguru mashya. Ikindi kandi, Abanyarwanda ni intore, kandi intore ntiganya ahubwo ishaka ibisubizo. Byumvikana ko ibibazo bibaho, ariko bitagomba guherana ababigize. Iki kikaba ari cyo gikorwa nyamukuru cy'ubushakashatsi, kuko buba bugamije gukemura ibibazo.

### 5.1. Umwanzuro

Ururimi rw'Ikinyarwanda ruzatezwa imbere na ba nyirarwo, ari bo Banyarwanda. Gukora ubushakashatsi bizatuma ibibazo ururimi rufite bikemuka, bityo ba nyirarwo barusheho kunguka ubumenyi binyuze muri rwo. Iyo umunyeshuri yiga mu rurimi rutari kavukire aba akora ibikorwa bibiri icyarimwe, ari byo: "Kwiga ururimi ari kwigamo ndetse no kwiga ibyo bari kumwigisha". Gukora ubushakahsatsi mu Kinyarwanda rero byaba byiza kuruta kubukora mu zindi ndimi, kuko byageza ku ubukora ku kigero cyo kudaterwa ipfunwe n'ibyo ari kwandika ndetse n'uburyo abyandika.

Ikinyarwanda kirakize kandi ni ururimi rwihagije, rushobora kuvugwamo ubumenyi bwose. Ibi rero bikwiye gusobanukira abanyeshuri biga muri kaminuza, bakikuramo gukomeza gutanga impamvu nyinshi zituma bahitamo kwandika inyandiko zabo mu zindi ndimi cyane kuruta mu Kinyarwanda. Ntikigoye, kuko ari ururimi kavukire, ntigikomera, inyandiko zicyanditswemo ziraboneka nubwo ari nkeya ugereranyije n'izindi zo mu ndimi z'amahanga kandi cyumvwa n'abantu benshi kuko Abanyarwanda si bake, dore ko kinabarirwa mu ndimi ndengamipaka. Ikinyarwanda gikoreshwa mu gihugu cy'uRwanda no hanze yacyo.

Abanyarwanda bamaze gutera imbere cyane mu byerekeye ubuhanga n'ubumenyi, bityo bashobora guhindura ibyanditswe mu zindi ndimi bakabishyira mu rurimi rwabo kavukire. Ibi bigomba guha imbaraga abashaka gukora ubushakashatsi, kuko ibyo batekereza ko bitarandikwa mu Kinyarwanda bakwiye kubishaka mu zindi ndimi bakabihindura, ari na byo bizatuma inyandiko zanditswe mu Kinyarwanda ziba nyinshi, nuko ikibazo cyo kuba ari nke kigakemuka.

Kwiga mu Cyongereza ntibikwiye kubera imbogamizi abanyeshuri biga muri kaminuza, kuko nubwo ari ururimi rwigishwamo, ntibikwiye kuba itegeko ryo kurukoramo ubushakashatsi igihe cyose, kuko gukora ubushakashatsi ari inzira nziza yo gukemura ibibazo, bityo bikaba bigomba gukemuka mu rurimi kavukire. Imyandikire y'ururimi kavukire ntishobora kugorana, iyo urwo rurimi rukoreshwa cyane mu nyandiko z'ubuhanga. Abavuga ko imyandikire igoranye nta ngingo ibarengera bafite, kuko urwego rw'ingorane bagaragaza ruzamurwa n'uko ururimi kavukire rwabo bataruha agaciro rukwiye. Ntabwo rero ururimi rwawe rwakugora kurwandika ngo uzoroherwe n'ururimi rw'amahanga.

Abanyeshuri biga Icyongereza n'Ikinyarwanda muri kaminuza bafite inshingano ikomeye yo kuba inkomarume mu guteza imbere ubushakashatsi mu Kinyarwanda, kuko batabikoze nta wundi wabitinyuka, cyane ko ari bo ndorerwamo y'iterambere ry'umuco n'indangagaciro nyarwanda. Ibi bigomba kubabera umwanya mwiza wo gushyigikira Ikinyarwanda bahitamo kugikoramo ubushakashatsi ndetse no kucyandikamo inyandiko zabo zisoza amashuri. Si ukwandika gusa, ahubwo bakwiye no gukomeza kukivuga neza, ku buryo banakosora amakosa akunze gukorwa n'abantu batandukanye bagipfobya bagaragaza ko nta bwenge bwakwandikwa mu Kinyarwanda. Dukwiye kwibuka ko ubwenge bwose bucurirwa mu rurimi kavukire, bityo buri rurimi rukaba ari igicumbi cy'ubwenge, kuko nta muntu udafite ubwenge.

Kaminuza ntizikwiye kubatwa n'indimi z'amahanga ngo zibagirwe Ikinyarwanda, kandi niba zikigisha zikwiye no kugisigasira, ari na yo mpamvu zikwiye guha uburenganzira abanyeshuri bwo guhitamo ururimi bandikamo, nk'uko zibikora ku zindi ndimi n'Igifaransa, Igiswayire n'Icyongereza. Ntihakwiye rero gushyirwa umupaka ku nyandiko zigomba kuba zanditse mu Kinyarwanda, zitwaza ko abanyeshuri biga Ikinyarwanda ari benshi bityo kubemerera kwandika mu Kinyarwanda bikaba byatuma kwandika mu Cyongereza bigabanyuka. Ibi bikwiye kuba ahubwo ingingo ishyigikirwa, kugira ngo inyandiko abanyeshuri bavuga ko ari nkeya ziyongere, kuko n'inyinshi zabonetse kubera kwemererwa kwandika mu rurimi zirimo.

Amuga akoreshwa mu bushakashatsi mu Kinyarwanda ntarasakara, bityo abanyeshuri benshi bakaba bibaza uko bazajya bita ingingo z'ubushakashatsi zimwe na zimwe. Ibi ariko ntibyakomeza kuba ikibazo igihe kaminuza zemeye kwigisha ubushakashatsi mu Kinyarwanda, bityo zifatanyije Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubugenzuzi bw'Amashuri Makuru na za Kaminuza (Higher Education Council) zigashyiraho imbumbanyigisho y'ubushakashatsi (Module of Research Methodology) iri mu Kinyarwanda. Amwe mu muga akwiye gukoreshwa mu bushakashatsi mu

Kinyarwanda yagaragajwe mu nyandiko yateguwe na Mukama afatanyije na Nkusi mu mwaka wa 2019 yitwa "Ubushakashatsi mu Bumenyamuntu n'Imibanire y'Abantu". Iyi nyandiko igaragaza uko ubushakashatsi bukorwa, ikaba yanditse mu Kinyarwanda.

Inyandiko y'ubushakashatsi yandikwa n'abanyeshuri barangiza ikiciro cya kabiri cya kaminuza mu Kinyarwanda ikwiye kuba igaragaramo amuga akurikira:

**Imb. 3:** Amuga yakoreshwa mu nyandiko z'ubushakashatsi mu Kinyarwanda

| **Imitwe** | **Ibirimo mu Kinyarwanda** | **Ibirimo mu Cyongereza** |
|---|---|---|
| **Umutwe wa mbere: Intangiriro rusange** (Chapter one: General introduction) | **Intangiriro** | Introduction |
| | **Uruhando rw'inyigo** | Background of the study |
| | **Imiterere y'ikibazo** | Statement of the problem |
| | **Impamvu y'ubushakashatsi** | Purpose of the study |
| | **Intego z'ubushakashatsi** | Research objectives |
| | **Intego rusange n'intego zihariye** | General and specific objectives |
| | **Akamaro/inyungu z'ubushakashatsi** | Significance of the study |
| | **Imbogamizi z'ubushakashatsi** | Limitations of the study |
| | **Imbago/ igenambibi ry'ubushakashatsi (ahantu, igihe, ikivugwaho)** | Scope of the study (field, time, content) |
| | **Imiterere y'umurimo w'ubushakashatsi** | Organisation/structure of the research |
| **Umutwe wa Kabiri: Isesengura ry'ibyanditswe ku bushakashatsi** (Chapter two: Literature review) | **Intangiriro** | Introduction |
| | **Inshoza y'amagambo fatizo** | Definition of key concepts/terms |
| | **Ibyanditswe ku ntego ya mbere** | Literature related to the first objective |

| | | |
|---|---|---|
| | **Ibyanditswe ku ntego ya kabiri n'izindi** | Literature related to the second objective, and others |
| | **Izindi nyandiko zishyigikira inyigo y'ubushakashatsi** | Any other relevant literature to support the study |
| | **Icyuho mu byanditswe** | Gap in literature |
| | **Amahange y'ubushakashatsi** | Theoretical underpinning |
| | **Ihangiro** | Conceptual framework |
| | **Umusozo** | Conclusion |
| **Umutwe wa gatatu: Iyoboramikorere/iyoboranzira ry'ubushakashatsi** (Chapter three: Research methodology) | **Intangiriro** | Introduction |
| | **Uburyo n'imbata by'ubushakashatsi** | Research approach and design |
| | **Itsinda ngenderwaho, uburyo bwo guhitamo itsinda nkeshwamakuru, ingano y'itsinda nkeshwamakuru** | Target population, sampling procedures and sample size |
| | **Ibikoresho by'ikusanyamakuru, uburyo bwo gukusanya amakuru, n'uburyo bwo kubika amakuru** | Data Collection tools, procedures, and data management |
| | **Uburyo bwo gusesengura amakuru** | Data analysis techniques and procedures |
| | **Ubwizerwe n'ubwemerwe n'ububonere by'amakuru** | Reliability and validity measures |
| | **Amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi** | Ethical consideration |
| | **Igenambibi ry'ubushakashatsi** | Scope of the study |
| | **Umusozo** | Conclusion |

| | | |
|---|---|---|
| **Umutwe wa kane: Imurikamakuru, isesenguramakuru n'iganiramakuru** (Chapter four: Data presentation, analysis, discussion and interpretation) | **Intangiriro** | Introduction |
| | **Igaragazamakuru** | Presentation of findings |
| | **Iganiramakuru** | Discussion and interpretation of findings |
| | **Umusozo** | Conclusion |
| **Umutwe wa Gatanu: Umwanzuro rusange n'ibyifuzo** (Chapter five: General conclusion and recommendations) | **Intangiriro** | Introduction |
| | **Umwanzuro rusange** | General conclusion |
| | **Ibyifuzo** | Recommendations |
| | **Isango ry'ubundi bushakashatsi** | Suggestions for further studies |
| | **Umusozo** | Conclusion |
| **Indangasoko** (References) | | |
| **Imigereka** (appendices) | | |

Ibi byafasha uwandika kumenya umujyo ayoboramo inyandiko ye, nubwo ibisobanuro byimbitse kuri buri kiciro bizatangazwa mu yindi nyandiko, izanagaragaza uburyo bwo kwandika inkuro. Birumvikana ko uwakurikije ubu buryo atakongera kugira ikibazo cyo kubura inyandiko zimufasha kwandika inyandiko y'ubushakashatsi.

### 5.2. Ibyifuzo

Abanyeshuri babajijwe muri ubu bushakashatsi bagaragaje impamvu nyinshi zituma batitabira kwandika mu Kinyarwanda, nko kuba batabona amuga agenewe ubushakashatsi, kuba basabwa kwandika mu Cyongereza ntibemererwe kwandika mu Kinyarwanda, kuba batabasha kubona inyandiko zibafasha mu gukora ubushakashatsi, ndetse no kuba imbumbanyigisho y'ubushakashatsi yigishwa mu Cyongereza gusa kandi bamwe biga Icyongereza n'Ikinyarwanda. Ni muri urwo rwego hagaragazwa ibyifuzo bikurikira:

#### 5.2.1. Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Imitunganyirize y'Indimi

Uru rwego rufite akazi gakomeye ko guha Ikinyarwanda umwanya ukomeye mu burezi, rukareka guterera iyo, kuko bigaragara ko Ikinyarwanda nubwo kigishwa ariko nta gaciro gihabwa mu ruhando rw'izindi ndimi nk'Icyongereza. Ni muri uwo mujyo kandi uru rwego rukwiye kugena no kwemeza amuga akoreshwa mu bushakashatsi, ndetse rukanagenzura ishyirwa mu bikorwa ryayo,

kugira ngo uru rurimi rubashe gukura nk'uko izindi ndimi nk'Icyongereza zimeze. Uru rwego kandi ni rwo rugomba no kunoza politiki y'indimi mu Rwanda, rugafatanya na Leta mu kugena abacengerandimi bakwifashishwa mu kunoza ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 5.2.2. Urwego rw'Igihugu Rushinzwe Ubugenzuzi bw'Amashuri Makuru na za Kaminuza (HEC)

Uru rwego rushinzwe guteza imbere ireme ry'uburezi muri za kaminuza rukwiye kugena imbumbanyigisho yerekana uburyo bwo gukoramo ubushakashatsi mu Kinyarwanda, nk'uko igena izindi mbumbanyigisho ziri mu zindi ndimi. Ibi bizatuma haboneka amuga yakwifashishwa mu bushakashatsi mu Kinyarwanda nk'uko ariho mu Cyongereza, bityo abanyeshuri babone uko bashishikarira kwandika mu Kinyarwanda.

### 5.2.3. Za kaminuza

Kaminuza zigisha amasomo arimo Ikinyarwanda, cyane cyane izigisha Icyongereza n'Ikinyarwanda n'uburezi zikwiye gukora ubukangurambaga ku bushakashatsi muri uru rurimi, kuko ziba zariyemeje kuruteza imbere. Ntabwo rero zikwiye kurwitaho ku ruhande rumwe ngo nizirangiza zibagirwe uruhande rw'ubushakashatsi muri urwo rurimi. Abayobozi bashinzwe amasomo n'ubushakashatsi muri za kaminuza bakwiye gushyiraho uburyo bufasha abanyeshuri biga Ikinyarwanda gushishikarira kucyandikamo no kucyandikaho. Bakwiye kandi guha abanyeshuri uburenganzira bwo kwihitiramo ururimi bandikamo hagati y'Ikinyarwanda n'Icyongereza, aho guhengamira ku Cyongereza gusa.

Kaminuza kandi zikwiye gushyiraho intangazanyandiko y'ubuhanga (Academic journal) yemera gusohora inyandiko zanditse mu Kinyarwanda, kuko bitumvikana ukuntu umuntu urangije Ikiciro cya Gatatu cya Kaminuza (Masters) mu Kinyarwanda asabwa kwandika inyandiko mu Cyongereza, kuko nta ntangazanyandiko n'imwe Kaminuza y'u Rwanda (UR) itegeka abanyeshuri gutangarizamo inyandiko zabo yemera inyandiko zanditse mu Kinyarwanda. Ibi byakemura ikibazo cyo kuba umuntu wese watangaje inyandiko mu Kinyarwanda adafatwa nk'umwanditsi, kubera ko aba atarabashije gutangariza inyandiko ye mu ntangazanyandiko zemewe, bityo muri Kaminuza y'u Rwanda akaba atabasha kubona ibyo abandi bagenerwa nko kuzamurwa mu ntera.

### 5.2.4. Abanyeshuri

Abanyeshuri biga kaminuza bagomba kwibuka ko ari bo bafite mu nshingano guteza imbere Ikinyarwanda, maze bagaharanira uburenganzira bwabo bwo kwandika mu rurimi rwabo igihe babuvukijwe. Bagomba kandi kwikuramo imyumvire yo kuba Ikinyarwanda gikomeye, kuko ntiwavuga ukuntu ururimi kavukire rwagukomerera kuruta ururimi rw'amahanga. Nibashishikarira kwandika mu Kinyarwanda ni bwo ikibazo cyo kutaboneka kw'inyandiko zicyanditswemo kizakemuka.

### 5.2.5. Abarimu bigisha Ikinyarwanda muri Kaminuza

Abarimu bigisha Ikinyarwanda muri za kaminuza baragirwa inama yo kureba aho bahengeka ibiganiro bijyanye n'ubushakashatsi mu Kinyarwanda mu masomo bigisha, cyane cyane mu isomo ry'Ubugeni Bwihariye bwo Gusoma no Kwandika, bagamije gufasha abanyeshuri bafite inyota yo gukora ubushakashatsi mu Kinyarwanda; babasobanurira uko bukorwa, cyane cyane bibanda ku muga yihariye akoreshwa mu bice bitandukanye bigize ubushakashatsi.

**Inyandiko Zifashishijwe**


1. Amin, A. (2020). Attitude towards language in sociolinguistics settings: A brief overview. *REiLA: Journal of Research and Innovation in Language*, *2*(1), 27-30.
2. Andrade, C. (2020). Sample size and its importance in research. *Indian journal of psychological medicine*, *42*(1), 102-103.
3. Baldo, J. V., Dronkers, N. F., Wilkins, D., Ludy, C., Raskin, P., & Kim, J. (2005). Is problem solving dependent on language?. *Brain and language*, *92*(3), 240-250.
4. Bracken, L. J., & Oughton, E. A. (2006). 'What do you mean?'The importance of language in developing interdisciplinary research. *Transactions of the Institute of British Geographers*, *31*(3), 371-382.
5. De Kadt, E. (1993). Language, power, and emancipation in South Africa. *World Englishes*, *12*(2), 157-168.
6. Fausey, C. M., Long, B. L., Inamori, A., & Boroditsky, L. (2010). Constructing agency: the role of language. *Frontiers in psychology*, *1*, 162.
7. Jason, L. A., Fox, P. A., & Gleason, K. D. (2018). The importance of a research case definition. *Fatigue: Biomedicine, Health & Behavior*, *6*(1), 52-58.
8. Jones, M. T., Barlow, A. E., & Villarejo, M. (2010). Importance of undergraduate research for minority persistence and achievement in biology. *The Journal of Higher Education*, *81*(1), 82-115.
9. Levin, B. (2004). Making research matter more. *Education policy analysis archives*, *12*(56), n56.
10. Mercer, N., & Sams, C. (2006). Teaching children how to use language to solve maths problems. *Language and education*, *20*(6), 507-528.
11. Mukama, E., & Nkusi, L. (2019). *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu* (p. 180). African Minds.
12. Niyomugabo, C. (2012). Kinyafranglais as a newly created "language" in Rwanda: Will it hamper the promotion of the language of instruction at Kigali Institute of Education?. *Rwandan Journal of Education*, *1*(1), 20-29.
13. Nsanzabiga, E. (2011). From the "trapped language" to the hybridized language: An educational dilemma in teaching kinyarwanda.
14. Phillips, C., & Ehrenhofer, L. (2015). The role of language processing in language acquisition. *Linguistic approaches to bilingualism*, *5*(4), 409-453.
15. Rurangirwa, S. (2012). Ukwitabwaho guke kw'ikinyarwanda muri politiki nshya y'indimi mu Rwanda. *Journal of Pan African Studies*, *5*(8), 178-190.
16. Schwartz, M. A. (2008). The importance of stupidity in scientific research. *Journal of Cell Science*, *121*(11), 1771-1771.
17. Simpfendorfer, C. A., Heupel, M. R., White, W. T., & Dulvy, N. K. (2011). The importance of research and public opinion to conservation management of sharks and rays: a synthesis. *Marine and Freshwater Research*, *62*(6), 518-527.
18. Uwera, M. (2022). Umwanya w'Ikinyarwanda mu mitangire ya servisi z'amabanki akorera mu Rwanda: urugero rwa banki ya" Equity" Rwanda.
19. Valeeva, R. A., Aitov, V. F., & Bulatbayeva, A. A. (2016). The levels of English language acquisition on the basis of problem-solving and product-oriented tasks in the multiligual social medium. *International Electronic Journal of Mathematics Education*, *11*(1), 255-262.
20. Welch, D., Welch, L., & Piekkari, R. (2005). Speaking in tongues: The importance of language in international management processes. *International Studies of Management & Organization*, *35*(1), 10-27.

**21.** Wolgemuth, J. R. (2014). Analyzing for critical resistance in narrative research. *Qualitative Research*, *14*(5), 586-602.

**22.** Xu, C., Lafay, A., Douglas, H., Di Lonardo Burr, S., LeFevre, J. A., Osana, H. P., ... & Maloney, E. A. (2022). The role of mathematical language skills in arithmetic fluency and word-problem solving for first-and second-language learners. *Journal of Educational Psychology*, *114*(3), 513.

Copyright © 2025: by the author/s. This article is licensed and distributed under an Attribution-NonCommercial-ShareAlike 4.0 International (CC BY-NC-SA 4.0)